**REPUBULIKA Y' U RWANDA** **RP/GEN 00010/2021/TGI/RSZ**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00023/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 07 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **TWAGIRAMUNGU Felicien,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwatanze ikirego muri uru rukiko kigahabwa nº **RP/GEN 00010/2021/TGI/RSZ**, burega uwitwa **NDAYAMBAJE Theophile,** icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside, icyo guhohotera umuntu wacitse ku icumu rya Jenoside, hamwe n'icyaha cy'ivangura no gukurura amacakubiri, akaba ari ibyaha biteganywa kandi bigahanishwa ingingo ya 4 na 11 z'itegeko Nº 59/2018 ryo ku wa 22/8/2018 ryerekeranye n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo, hamwe n'ingingo za 163-164 z'itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

Tumaze kubona ko uwitwa **NDAYAMBAJE Theophile** mwene NAMBAJIMANA Pierre na MUKAMFIZI ; wavutse ku wa 10/02/1979, mu Mudugudu wa Buninda, Akagali ka Impala, Umurenge wa Bushenge, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'i Burengerazuba, ho muri Repubulika y'u Rwanda; akaba ari naho yari atuye, ni umunyarwanda; arubatse; ni umuhinzi; ntacyo atunze, ubu akaba akurikiranywe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **NDAYAMBAJE Theophile** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **22/02/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**TWAGIRAMUNGU Félicien**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**